

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Imiryango idaharanira inyungu/Non profit making Associations/ Associations sans but lucratif

N°0121/11 ryo kuwa 18/04/2005

Iteka rya Minisitiri ryemera ihindurwa ry'Amategeko shingiro agenga umuryango «Inshuti z'Amashyirahamwe yo gusoma Bibiliya mu mashuri makuru mu Rwanda» (AGBURWA).....3

N°0121/11 of 18/04/2005

Ministerial Order approving the modification to the statutes of the Association « Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda » (AGBURWA).....3

N°0121/11 du 18/04/2005

Arrêté Ministériel portant approbation des modifications apportées aux statuts de l'Association« Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda » (AGBURWA).....3

N°38/08.11 ryo kuwa 25/03/2011

Iteka rya Minisitiri riha Ubuzimagatozi umuryango « Association Ibakwe Rural Innovation and Development Centre of Rwanda » kandi ryemera abavugizi bawo.....13

N°38/08.11 of 25/03/2011

Ministerial Order granting Legal status to the « Association Ibakwe Rural Innovation and Development Centre of Rwanda » and approving its Legal Representatives.....13

N°38/08.11 du 25/03/2011

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l' « Association Ibakwe Rural Innovation and Development Centre of Rwanda » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....13

N°66/08.11 ryo kuwa 18/4/2011

Iteka rya Minisitiri riha Ubuzimagatozi umuryango « Forum des Amis de la Culture et de l'Education à Kabeza (FACEK) » kandi ryemera Abavugizi bawo.....29

N°66/08.11 of 18/4/2011

Ministerial Order granting Legal status to the Association « Forum des Amis de la Culture et de l'Education à Kabeza (FACEK) » and approving its Legal Representatives.....29

N°66/08.11 du 18/4/2011

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association « Forum des Amis de la Culture et de l'Education à Kabeza (FACEK) » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....29

N°119/08.11 ryo kuwa 22/7/2011

Iteka rya Minisitiri riha Ubuzimagatozi umuryango « City of Joy » kandi ryemera Abavugizi bawo.....50

N°119/08.11 of 22/7/2011

Ministerial Orde granting Legal status to the Association « City of Joy » and approving its Legal Representatives.....50

N°119/08.11 du 22/7/2011

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association « City of Joy » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....50

B. Amakoperatives/Cooperatives/Coopératives

- KOKITEBU.....	68
- TURERE NEZA INYANGE.....	69
- SACCO SERUKA.....	70
- KOAIKA-BU.....	71
- UBUMWE-MUSHISHIRO.....	72
- UMUGAMBI MWIZA.....	73
- IBYIZA BIRIMBERE.....	74
- URAKOGA.....	75
- CODEMU.....	76
- KOTEKI.....	77
- COOPEAJA.....	78
- COOPEBOUNYA.....	79
- COVEPAR.....	80
- TURENGERUBUZIMA-GITARE.....	81
- TUNOZE UBUHINZI KABARONDO.....	82
- BERWA-GATUNA.....	83
- DUKOMEZANYE.....	84
- TERIMBERE KAWA YACU.....	85
- KOPARUNYA.....	86
- RYOHERWA NAWA-NYAMIYAGA.....	87
- TWUNGUBUMWE KIBAZA.....	88
- COCONYA.....	89
- KAMICO.....	90
- REPSACCO.....	91
- TWUNGURANE IBITEKEREZO.....	92

ITEKA RYA MINISITIRI N° 031/11 RYO KUWA 18/04/2005 RYEMERA IHINDURWA RY'AMATEGEKO SHINGIRO Y'UMURYANGO "LES AMIS DES GROUPE BIBLIQUES UNIVERSITAIRES AU RWANDA"(AGBURWA)

Minisitiri w'Ubutabera,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo zaryo iy' 120 n'iy'121;

Ashingiye ku itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye Imiryango Idaharanira Inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo za 12, 14 na 42;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18 Nyakanga 2004 rigena amwe mu Mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri cyane cyane mu ngizo yaryo ya mbere;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 197/05 ryo kuwa 05 Kanama 1991 riha ubuzima gatozi umuryango "Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda"(AGBURWA) ;

Bisabwe n'Umuvugizi w'umuryango "Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda"(AGBURWA) mu nyandiko yakiriwe kuwa 02 Mata 2002 ;

MINISTRIAL ORDER N° 031/11 OF 18/04/2005 APPROVING THE MODIFICATIONS TO THE STATUTES OF THE ASSOCIATION "LES AMIS DES GROUPE BIBLIQUES UNIVERSITAIRES AU RWANDA"(AGBURWA)

The Minister of Justice,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, especially in its articles 120 and 121;

Pursuant to the Law n° 20/2000 of 26 July 2000 Relating to Non-Profit Making Organizations, especially in its articles 12, 14 and 42;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01/ of 18 July 2004 determining certain Ministerial orders which are not adopted by the Cabinet, especially in its article one;

Having reviewed the Ministerial Order n° 197/05 of 05 August 1991 granting Legal Personality to the association "Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda"(AGBURWA);

Upon request by the Legal Representative of the association "Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda"(AGBURWA) received on 02 April 2002;

ARRETE MINISTERIEL N° 031/11 DU 18/04/2005 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APPORTEES AUX STATUTS DE L'ASSOCIATION «LES AMIS DES GROUPE BIBLIQUES UNIVERSITAIRES AU RWANDA » (AGBURWA)

Le Ministre de la Justice,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Vu la loi n°20/2000 du 26 juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel n°27/01 du 18 juillet 2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Revu l'Arrêté Ministériel n°197/05 du 05 Août 1991 accordant la personnalité civile à l'Association « les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda » (AGBURWA) spécialement à son article premier ;

Sur requête du Représentant Légal de l'Association « les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda » (AGBURWA) reçue le 02 Avril 2002 ;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere :

Icyemezo cyafashwe ku bwiganze busesuye bw'amajwi y'abanyamuryango nyakuri b'umuryango "Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda"(AGBURWA) cyafatiwe mu nama rusange yo kuwa 23 Werurwe 2002 cyo guhindura amategeko shingiro y'umuryango wavuzwe hejuru nkuko bigaragara ku mugereka w'ir'iteka kiremejwe.

Ingingo ya 2:

Ingingo zose z'amateko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 3 :

Iri teka ritangira gukurikizwa uhereye umunsi ryashyirirweho umukono. Agaciro karyo gahera ku italiki ya 23 Werurwe 2002.

Kigali, kuwa 18 Mata 2005

Minisitiri w'Ubutabera

MUKABAGWIZA Edda (Sé)

HEREBY ORDERS

Article one:

The decision of the Majority of effective members of the Association "Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda"(AGBURWA) taken at the General Assembly of 23 March 2002 to modify the statutes of the mentioned association as indicated in the appendix of this order is approved.

Article 2:

All previous legal provisions contrary to this Order are repealed.

Article 3:

The Present Order enters into force the day of its signature. It is effective from 23 March 2002

Kigali, 18th April 2005

Minister of Justice

MUKABAGWIZA Edda (Sé)

ARRETE :

Article premier :

Est approuvée la décision de la majorité des membres effectifs de l'Association « les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda » (AGBURWA) prise au cours de l'assemblée générale du 23 mars 2002 de modifier les statuts de ladite association tels qu'ils figurent en annexe du présent arrêté.

Article 2:

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3 :

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à la date du 23 Mars 2002.

Kigali, le 18 Avril 2005

Ministre de la Justice

MUKABAGWIZA Edda (Sé)

**LES STATUTS DES « AMIS DES GROUPES
BIBLIQUES UNIVERSITAIRES AU
RWANDA »**

CHAPITRE I

**DE LA DENOMINATION, DE LA REGION
D'ACTIVITES, DU SIEGE, DE LA DUREE,
DES OBJECTIFS**

Article 1 :

Il est créé, pour une durée indéterminée et conformément à la loi n° 20/2000 du 26 juillet 2000, une Association Sans But Lucratif dénommée « Les Amis des Groupes Bibliques Universitaires au Rwanda », AGBURWA en sigle, régie par les présents statuts.

L'Association exerce ses activités sur le territoire de la République Rwandaise.

Le siège de l'Association est établi dans le District de Kacyiru, dans la Mairie de la Ville de Kigali et peut être transféré ailleurs sur décision de l'Assemblée Générale.

Article 2 :

Les objectifs de l'Association sont les suivants :

- Constituer un cadre d'échange d'expériences chrétiennes entre les membres notamment par des séminaires, des conférences et des séances de formation ;
- Promouvoir la participation active des membres dans le développement socio-économique et culturel du pays ;
- Encadrer les membres tant sur le plan spirituel, social que professionnel ;
- Soutenir l'action chrétienne dans les milieux scolaires, étudiantins et professionnels.

**AMATEGEKO AGENGA UMURYANGO
« INSHUTI Z'AMASHYIRAHAMWE YO GUSOMA
BIBILIYA MU MASHURI MAKURU MU
RWANDA »**

UMUTWE WA I :

**IZINA, AKARERE UKORERAMO, INTEBE,
IGIHE UZAMARA, INTEGO**

Ingingo ya 1:

Hakurikijwe itegeko n°20/2000 ryo ku wa 26 Nyakanga 2000, hashinzwe umuryango udaharanira inyungu uzamara igihe kitagenwe witwa « Inshuti z'Amashyirahamwe yo Gusoma Bibiliya mu Mashuri Makuru mu Rwanda », AGBURWA mu magambo ahinnye, ugengwa n'aya mategeko. Umuryango ukorera muri Repubulika y'u Rwanda.

Intebe y'Umuryango iri mu karere ka Kacyiru mu Muji wa Kigali ariko ishobora kwimurirwa ahandi byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 2:

Umuryango ugamije ibi bikurikira :

- Kubera abanyamuryango ihuriro ryo kungurana ibitekerezo ku buzima bwa gikristo hakoreshejwe amahugurwa, ibiganiro mbwirwaruhame, inyigisho;
- Gukangurira abanyamuryango kwitangira kuzamura igihugu mu rwego rw'imibereho, ubukungu n'umuco;
- Guhugura abanyamuryango mu bukristo bwabo, mu mibereho yabo no mu mikorere y'akazi bashinzwe;
- Gushyigikira ibikorwa bya gikristo mu mashuri mato n'ayisumbuye, mu mashuri makuru no mu bakozi.

CHAPITRE II
DES MEMBRES

Article 3:

L'Association reconnaît trois catégories des membres: les membres fondateurs, les membres adhérents et les membres d'honneur.

- sont membres fondateurs les soussignés des présents statuts ;
- sont membres adhérents tous ceux qui adhéreront aux présents statuts s'ils sont agréés par l'Assemblée Générale selon les conditions prévues par le Règlement d'Ordre Intérieur ;
- sont membres d'honneur toute personne physique ou morale ayant rendu des services exceptionnels à l'Association et agréées à ce titre par l'Assemblée Générale.

Article 4 :

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont tous membres effectifs jouissant des mêmes droits et devoirs à l'égard de l'Association.

Article 5 :

Tout membre a le droit de s'associer et de se retirer librement de l'AGBURWA.

La demande d'adhésion se fait par écrit. Le candidat est agréé par l'Assemblée Générale à la majorité des 2/3 des membres présents.

Article 6 :

La qualité de membre se perd par retrait volontaire ou par exclusion décidée par l'Assemblée Générale à la majorité des 2/3 des membres présents. Ce sera notamment pour cause de reniement de la Base Doctrinale, apostasie ou d'infidélité grave à ses engagements.

UMUTWE WA II :
ABANYAMURYANGO

Ingongo ya 3 :

Umuryango ugizwe n'ubwoko butatu bw'abanyamuryango : abawushinze, abawinjiyemo n'abanyamuryango b'icyubahiro.

- abashinze umuryango ni abashyize umukono kuri aya mategeko ;
- abawinjiyemo ni abazemera gukurikiza aya mategeko kandi bakemerwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ingingo ziteganywa n'amabwiriza yihariye ;
- abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bazaba barafashije umuryango mu buryo bw'umwihariko kandi bakemerwa n'Inteko Rusange.

Ingongo ya 4 :

Abashinze umuryango n'abawinjiyemo bose ni abanyamuryango buzuye ; bafite uburenganzira bumwe kandi basabwa bimwe mu muryango.

Article 5 :

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kwinjira cyangwa gusohoka muri AGBURWA. Kwinjira bisabwa mu nyandiko. Ubisaba yemerwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bahari.

Ingongo ya 6 :

Umuntu ashobora kuva mu muryango ku bushake bwe cyangwa awirukanywemo n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bahari. Byaba bitewe no kwihakana imyizerere shingiro, ubuyobe cyangwa guteshuka bikabije ku nshingano ze. Iyo awuvuyemo ku bushake bwe, agomba kubanza gukora ibyo yemereye Umuryango Nyobozi igize ukundi ibiteganywa.

CHAPITRE III :

DES ORGANES

Article 7 :

Les organes de l'Association sont les suivants :

- l'Assemblée Générale ;
- le Bureau National ;
- le Secrétariat National ;
- les Sections Régionales.

Article 8 :

L'Assemblée Générale est constituée par les membres effectifs déterminés conformément aux art.3 et 4 ci-dessus. Elle se réunit une fois par an en séance ordinaire sur convocation et sous la direction du Président du Bureau National. A son absence ou empêchement, elle est convoquée et dirigée par le Vice-Président. En cas d'absence simultané ou de refus délibéré du Président et du Vice-Président à convoquer l'Assemblée Générale, elle peut être convoquée par $\frac{3}{4}$ des membres effectifs en réunion extra-ordinaire. Elle procédera d'abord à l'élection du président de la réunion. Elle ne peut siéger valablement qu'à la majorité des $\frac{2}{3}$.

Article 9 :

Les attributions de l'Assemblée Générale sont les suivantes :

UMUTWE WA III :

INZEGO Z'UMURYANGO

Ingingo ya 7 :

Inzego z'umuryango ni izi :

- Inteko Rusange ;
- Biro Nyobozi;
- Ubunyamabanga Bukuru;
- Inama z'uturere.

Ingingo ya 8:

Inteko Rusange igizwe n'abanyamuryango buzuye bavuzwe mu ngingo ya 3 n'ya 4. Inteko Rusange iterana mu nama isanzwe rimwe mu mwaka, itumijwe kandi iyobowe na Perezida wa Biro Nyobozi. Iyo adahari cyangwa yagize impamvu, itumizwa kandi ikayoborwa na Visi-perezida.

Iyo Perezida na Visi-perezida baburiye icyarimwe, cyangwa banze gutumiza Inteko Rusange, ishobora gutumizwa na $\frac{3}{4}$ by'abanyamuryango mu nama idasanzwe. Icyo gihe ibanza kwitoramo Umuyobozi w'Inama. Inteko Rusange iterana mu buryo bwemewe ku bwiganze bwa $\frac{2}{3}$.

Ingingo ya 9 :

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- Elire le Secrétaire National et les membres du Bureau National.
- Créer les Sections Régionales et désigner les commissaires aux comptes
- Approuver le budget annuel et les rapports financiers.
- Examiner les rapports du Secrétaire National.
- Adopter et modifier les statuts et le Règlement d'Ordre Intérieur.
- Approuver les demandes d'adhésion des membres effectifs et agréer les membres d'honneur.
- Exclure temporairement ou définitivement les membres de remplissant plus les conditions d'adhésion
- Tracer l'orientation générale de l'Association et examiner toute autre question que lui soumet le Bureau National.
- Dissoudre l'Association suivant les dispositions décrites à l'article 27 et 28 des présents statuts.

Article 10 :

Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue, sauf pour des cas expressément prévus par la loi et les présents statuts.

Article 11:

Le Bureau National est composé de membres suivants: le Président, le Vice-Président, le Secrétaire, le Trésorier et deux Conseillers. Ils sont élus parmi les membres effectifs pour un mandat de 3 ans renouvelable.

- Gutora Umunyamabanga Mukuru n'abagize Biro Nyobozi.
- Gushyiraho Inama z'uturere no gushyiraho abagenzuzi b'umutungo.
- Kwemeza ingengo y'imari na raporo z'imikoreshereze y'umutungo.
- Gusuzuma raporo z'Ubunyamabanga Bukuru.
- Kwemeza no guhindura amategeko agenga Umuryango n'amabwiriza yihariye.
- Kwemera abasabye kuba abanyamuryango buzuye n'abanyamuryango b'icyubahiro.
- Guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu abanyamuryango batacyujye ibyangombwa byo kuba umunyamuryango.
- Gushyiraho gahunda y'ibikorwa by'Umuryango no gusuzuma ikindi kibazo cyose ishyikirijwe na Biro Nyobozi.
- Gusesa umuryango hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 27 na 28 z'aya mategeko.

Ingingo ya 10:

Ibyemezo by'Inteko Rusange byemerwa iyo bifashwe ku bwiganze busesuye uretse ibiteganyijwe ukundi n'amategeko ya Leta n'aya mategeko.

Ingingo ya 11 :

Biro Nyobozi igizwe n'aba bakurikira : Perezida, Visi-perezida, Umunyamabanga, Umubitsi n'Abajyanama babiri. Batorwa mu banyamuryango buzuye mu gihe cy'imyaka 3 kandi bashobora kongera gutorwa.

Article 12 :

Le Bureau National est chargé de superviser l'exécution des décisions et des recommandations de l'Assemblée Générale et de coordonner les activités des Sections Régionales. Il suit de près l'utilisation du patrimoine de l'Association.

Article 13 :

Le Bureau National se réunit une fois par trimestre en session ordinaire et chaque fois que de besoin en session extraordinaire sur convocation de son Président.

Article 14 :

Le Président du Bureau National est le Représentant Légal de l'Association. Il convoque et préside les réunions. Avec le Secrétaire National et le Trésorier, il veille à la bonne gestion du patrimoine.

Article 15 :

Le Vice-Président est le Représentant Légal Suppléant de l'Association. Il assiste et remplace le Président en cas d'absence ou d'empêchement ou si celui-ci est décédé et n'a pas encore été remplacé. A l'occasion des actes qu'il accomplit, il indique le Représentant Légal absent ou empêché qu'il remplace.

Ingingo ya 12 :

Biro Nyobozi ishinze kugenzura imikurikirizwe y'ibyemezo b'ibyifuzo by'Inteko Rusange no guhuza ibikorwa by'inama z'uturere. Ikurikiranira hafi imikoreshereze y'umutungo w'Umuryango.

Ingingo ya 13 :

Biro Nyobozi iterana rimwe mu mezi atatu mu nama isanzwe ariko ishobora guterana mu nama idasanzwe igihe bibaye ngombwa ku butumire bwa Perezida wayo.

Ingingo ya 14 :

Perezida wa Biro Nyobozi ni we Muvugizi w'Umuryango. Atumiza kandi akayobora amanama. Afatanije n'Umunyamabanga Mukuru n'Umubitsi, yita ku micungire myiza y'umutungo w'Umuryango.

Ingingo ya 15:

Visi-perezida ni we Muvugizi wungirije w'Umuryango. Yunganira Perezida kandi akamusimbura iyo adahari, yagize impamvu cyangwa yarapfuye akaba atarasimburwa. Iyo agize ibyemezo afata, agaragaza izina ry'Umuvugizi yasimbuye.

Article 16 :

Le Secrétaire du Bureau National rédige et signe avec le Président les procès verbaux des réunions du Bureau National et de l'Assemblée Générale.

Article 17 :

Le Trésorier est le responsable de la politique financière et l'exécution budgétaire de l'Association .

Article 18:

Le Secrétariat National assure, sous la direction du Secrétaire National, les activités journalières de l'Association.

Le Secrétaire National s'occupe des archives et de la correspondance interne et externe de l'Association.

Il collabore étroitement avec les Sections Régionales, leur rend des visites de formation ou d'encouragement.

Il assiste avec voix consultative aux réunions du Bureau National.

Article 19 :

Les Sections Régionales sont créées par l'Assemblée Générale qui en détermine la circonscription territoriale. Leur mode de fonctionnement et leurs attributions sont spécifiées dans le Règlement d'Ordre Intérieur.

Ingingo ya 16:

Umunyamabanga wa Biro Nyobozi yandika kandi agafatanya na Perezida gushyira umukono ku nyandiko-mvugo z'inama za Biro Nyobozi n'iz'Inteko Rusange.

Ingingo ya 17:

Umubitsi ashinzwe kugena gahunda y'imikoreshereze y'umutungo no gukurikirana imikoreshereze y'imari y'umuryango.

Ingingo ya 18 :

Ubunyamabanga Bukuru buyobowe n'Umunyamabanga Mukuru, bukora imirimo ya buri muni y'Umuryango.

Umunyamabanga Mukuru yita ku nyandiko zose z'Umuryango kandi akita ku mabarw yose y'Umuryango ari ayo mugihugu ari n'ayo hanze. Akorana n'Inama z'uturere akazisura kugirango azihugure cyangwa azigire inama zo kuzikomeza. Ajya mu nama za Biro Nyobozi ariko ntashobora gutora.

Ingingo ya 19 :

Inama z'uturere zishyirwaho n'Inteko Rusange kandi niyo igena imbibi zikorera.

Imikorere n'imirimo y'izo nama isobanuye mu mabwiriza yihariye y'Umuryango.

CHAPITRE IV :

DES RESSOURCES

Article 20 :

Le patrimoine de l'AGBURWA est constitué des biens mobiliers et des biens immobiliers nécessaires pour la réalisation de ses objectifs.

Article 21 :

Les ressources de l'Association proviennent des cotisations des membres fixées par l'Assemblée Générale, des contributions volontaires des membres, des activités productrices de l'Association, des aides et dons divers.

Article 22 :

Les modalités d'utilisation des ressources de l'Association sont précisées dans le Règlement d'Ordre Intérieur.

Article 23 :

Le contrôle de la gestion de l'Association est assuré par deux commissaires aux comptes désignés par l'Assemblée Générale pour un mandat de deux ans renouvelable.

UMUTWE WA IV:

UMUTUNGO

Ingingo ya 20:

Umutungo wa AGBURWA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa bikenewe mu kuzuza inshingano zayo.

Ingingo ya 21:

Umutungo w'Umuryango uturuka mu misanzu y'ifatizo y'abanyamuryango igenwa n'Inteko rusange, mu misanzu buri munyamuryango yiyemeza gutanga ku giti cye, mu bikorwa by'Umuryango bishobora kubyara umutungo, mu mfashanyo n'impano zinyuranye.

Ingingo ya 22:

Imikoreshereze y'umutungo w'umuryango isobanuye mu mbabwiriza yihariye y'umuryango

Ingingo ya 23:

Imikoreshereze y'umutungo w'umuryango igenzurwa n'abagenzuzi b'imari babiri bashyiraho n'Inteko Rusange bakamara manda y'imyaka ibiri kandi bashobora kongera gushyirwaho.

CHAPITRE V:

DES DISPOSITIONS FINALES

Article 24:

Les présents statuts ne peuvent être modifiés que sur décision de la majorité absolue des membres effectifs de l'Association.

Article 25 :

La dissolution ne peut être prononcée que par l'Assemblée Générale à la majorité des 2/3 de ses membres ou par décision judiciaire.

Article 26 :

En cas de dissolution par l'Assemblée Générale, celle-ci désignera une commission chargée de la liquidation des biens de l'AGBURWA et l'avoir social ne sera jamais objet de partage entre les membres. Il sera plutôt légué, après apurement du passif, à une ou plusieurs associations chrétienne de même vocation.

Article 27 :

Toute disposition non stipulée dans les présents statuts sera l'objet du Règlement d'Ordre Intérieur.

Article 28 :

Le Français est la langue de référence pour l'interprétation des présents statuts.

Fait à Kigali, le 23 mars 2002

Antoine RUTAYISIRE,

Représentant Légal

(Sé)

Daniel BAVUGAMENSHI,

Représentant Légal Suppléant

(Sé)

UMUTWE WA V :

INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 24 :

Aya mategeko ashobora guhinduka gusa byemejwe n'abanyamuryango buzuye ku bwiganze busesuye.

Ingingo ya 25 :

Umuryango ushobora guseswa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abayigize cyangwa n'icyemezo cy'ubucamanza.

Ingingo ya 26 :

Iyo Umuryango usheshwe n'Inteko Rusange, ishyiraho akanama gashinzwe kurangiz iryo seswa. Kandi umutungo nta na rimwe ugabanywa abanyamuryango ahubwo wegurirwa undi cyangwa indi miryango ya gikristo ifite intego zimwe n'iz'umuryango washeshwe, nyuma yo kwishyura imyenda.

Ingingo ya 27 :

Ibitavuzwe muri aya mategeko biboneka mu mabwiriza yihariye y'umuryango.

Ingingo ya 28:

Mu gusobanura aya mategeko hazifashishwa ururimi rw'igifaransa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23 Werurwe 2002

Antoine RUTAYISIRE,

Umuvugizi

(Sé)

Daniel BAVUGAMENSHI,

Umuvugizi wungirije

(Sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N°38/08.11
RYO KUWA 25/3/2011 RIHA
UBUZIMAGATOZI UMURYANGO
«ASSOCIATION IBAKWE RURAL
INNOVATION AND DEVELOPMENT
CENTRE OF RWANDA» KANDI
RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere : Izina n'icyicaro
by'umuryango

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Ingingo ya 3 : Abavugizi b'umuryango

Ingingo ya 4 : Igihe iteka ritangira
gukurikizwa

MINISTERIAL ORDER N°38/08.11 OF
25/3/2011 GRANTING LEGAL STATUS
TO THE ASSOCIATION
«ASSOCIATION IBAKWE RURAL
INNOVATION AND DEVELOPMENT
CENTRE OF RWANDA» AND
APPROVING ITS LEGAL
REPRESENTATIVES

TABLE OF CONTENTS

Article One : Name and Head Office
of the Association

Article 2: Objectives of the Association

Article 3: Legal Representatives

Article 4: Commencement

ARRETE MINISTERIEL N°38/08.11 DU
25/3/2011 ACCORDANT LA
PERSONNALITE CIVILE A
L'ASSOCIATION «ASSOCIATION
IBAKWE RURAL INNOVATION AND
DEVELOPMENT CENTRE OF
RWANDA» ET PORTANT AGREMENT
DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

TABLE DES MATIERES

Article premier: Dénomination et
siège de l'association

Article 2: Objectifs de l'association

Article 3: Les Représentants Légaux

Article 4 : Entrée en vigueur

;

ITEKA RYA MINISITIRI N°38.08.11 RYO KUWA 25/3/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO.

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Abisabwe n'Umuwugizi w'Umuryango «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 09/02/2011;

MINISTERIAL ORDER N°38/08.11 OF 25/3/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES.

The Minister of Justice/ Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Upon request lodged by the Legal Representative of the «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» on 09/02/2011;

ARRETE MINISTERIE N°38/08.11 DU 25/3/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX.

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Sur requête de Représentant Légal de «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» reçue le 09/02/2011;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Izina n'Icyicaro by'muryango

Ubuzimagatozi buhawe umuryango «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA » ufite icyicaro mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Umuryango ufite intego zikurikira:

- Kunganira iterambere ry'uruhererekane rw'iyongeragaciro no kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi;
- Kongerera ubushobozi abakozi bo mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi;
- Guteza imbere umwuga wa Rwiyemezamirimo mu cyaro no gukora ishoramali ry'umwuga mu buhinzi n'ubworozi;
- Gushaka no kwegereza abafatanyabikorwa inyongera musaruro mu rwego rwo kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi;
- Gukora ubushakashatsi no kuba umuyoboro wo gutangaza ibyagezweho nabwo;
- Gushyigikira ibikorwa bigamije iterambere rusange no kurengera ibidukikije;

HEREBY ORDERS:

Article One: Name and Head Office of the Association

Legal status is hereby granted to the «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» situate at Gasabo District, in Kigali City.

Article 2: Objectives of the Association

The Association is established with the following objectives:

- To facilitate development of agricultural values chains and intensification;
- To strengthen the capacity of farming operators;
- To promote rural entrepreneurship and navigating agro business;
- To provide agro inputs to the partners in order to increase yield and productivity and accompany farmers in post harvesting activities;
- To conduct researches and advance dissemination of research findings;
- To support community development and environmental protection activities;

ARRETE:

Article premier: Dénomination et siège de l'association

La personnalité civile est accordée à l'association «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» dont le siège est dans le District de Gasabo, Ville de Kigali.

Article 2 : Objectifs de l'association

L'association poursuit les objectifs suivants:

- Faciliter le développement des chaînes de valeurs et l'intensification agricoles;
- Renforcer les capacités des opérateurs agricoles;
- Promouvoir l'entrepreneuriat rural et pilotage entrepreneurial en agri business;
- Chercher et fournir aux partenaires les intrants agricoles en vue d'augmenter les rendements et productivité ainsi que accompagner les producteurs dans les activités post-récoltes;
- Conduire les recherches agricoles et faire progresser la dissémination des résultats;
- Appuyer les activités de développement communautaire et de la protection de l'environnement;

-Gukangurira ibyiciro binyuranye by'abaturage (urubyiruko, abarwayi ba SIDA, abamugaye...) kwihangira imirimo ibyara inyungu.

Ingingo ya 3: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'umuryango «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» ni Bwana TWILINGIYUMUKIZA Jean, umunyarwanda, uba mu Murenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi wa mbere Wungirije w'uwo muryango ni Madamu NYIRAJYAMBERE Prisca, Umunyarwandakazi uba mu Murenge wa Ruhango, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, kuwa 25/3/2011

(Sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru
ya Leta

-Sensitize local population (Youth, HIV infected, Disabled...) on the need to organize income generating activities.

Article 3: Legal Representatives

Mr. TWILINGIYUMUKIZA Jean, of Rwandan Nationality, residing in Kimironko Sector, Gasabo District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of the «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA».

Ms. NYIRAJYAMBERE Prisca, of Rwandan nationality, residing in Ruhango sector, Ruhango District, in southern Province, is hereby authorised to be the first Deputy Legal Representative of the same Association.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/3/2011

(Sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

-Sensibiliser les différentes couches de la population (jeunesse, infectés VIH/SIDA, handicapés...) sur la nécessité d'organiser des activités génératrices des revenus.

Article 3 : Les Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'association «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA» Monsieur TWILINGIYUMUKIZA Jean, de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur de Kimironko, District de Gasabo, Ville de Kigali.

Est agréée en qualité de Représentante Légale Suppléante de la même association, Madame NYIRAJYAMBERE Prisca de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Ruhango, District de Ruhango, Province du Sud.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/3/2011

(Sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux

**«ASSOCIATION IBAKWE RURAL
INNOVATION AND DEVELOPMENT
CENTRE OF RWANDA »**

**UMUTWE WA I: IZINA, INTEBE,
INTEGO**

Ingingo ya mbere:

Hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 rigenga imiryango idaharanira inyungu, hashyizweho Umuryango ugengwa n'aya mategeko: «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA » Asbl.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy'Umuryango kiri mu Murenge wa Kimironko, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa mu kandi Karere ka Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango ukorera imirimo yawo mu Karere ka Gasabo, ariko ushobora kwagurira ibikorwa byawo mu Rwanda hose no mu bindi bihugu byemejwe n'Inteko Rusange. Igihe uzamara ntikigenwe.

**«ASSOCIATION IBAKWE RURAL
INNOVATION AND DEVELOPMENT
CENTRE OF RWANDA »**

**CHAPTER I: NAME, HEAD OFFICE,
OBJECTIVE**

Article one:

In accordance with law n° 20/2000 of 26th July 2000 relating to non-profit making organizations, it is hereby created an Association regulated by the present statute: «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATION AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA » Asbl.

Article 2:

The head office of the Association is established in Kimironko sector, Gasabo District, in Kigali City. It can be transferred to any other District by the decision of the General Assembly.

Article 3:

The Association carries out its activities in Gasabo District, but it can extend its activities throughout the country or other Countries by the decision of the General Assembly.
It is created for an indefinite period.

**«ASSOCIATION IBAKWE RURAL
INNOVATION AND DEVELOPMENT
CENTRE OF RWANDA »**

**CHAPITRE I: DENOMINATION,
SIEGE, OBJET**

Article premier:

Conformément à la loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, il est créé une Association régie par les présents Statuts: «ASSOCIATION IBAKWE RURAL INNOVATIONS AND DEVELOPMENT CENTRE OF RWANDA » Asbl.

Article 2 :

Le siège de l'Association est établi dans le secteur de Kimironko, District de Gasabo, dans la Ville de Kigali. Il peut être transféré en tout autre District de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

Article 3 : L'Association exerce ses activités dans le District de Gasabo, mais peut les étendre sur toute l'étendue de la République du Rwanda ou dans d'autres pays sur décision de l'Assemblée Générale.
Elle est créée pour une durée indéterminée

Ingingo ya 4:

Intego z'Umuryango ni izi:

- Kunganira iterambere ry'uruhererekane rw'iyongeragaciro no kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi;
- Kongerera ubushobozi abakozi bo mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi
- Guteza imbere umwuga wa Rwiyemezamirimo mu cyaro no gukora ishoramali ry'umwuga mu buhinzi n'ubworozi
- Gushaka no kwegereza abafatanyabikorwa inyongeramusaruro mu rwego rwo kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi
- Gukora ubushakashatsi no kuba umuyoboro wo gutangaza ibyagezweho nabwo
- Gushyigikira ibikorwa bigamije iterambere rusange no kurengera ibidukikije;
- Gukangurira ibyiciro binyuranye by'abaturage (urubyiruko, abarwayi ba SIDA, abamugaye...) kwihangira imirimo ibyara inyungu

Article 4 :

The objectives of the Association:

- To facilitate development of agricultural value chains and intensification;
- To strengthen the capacity of farming operators;
- To promote rural entrepreneurship and navigating agro business
- To provide agro inputs to the partners in order to increase yield and productivity and accompany farmers in post harvesting activities;

- To conduct researches and advance dissemination of research findings
- To support community development and environmental protection activities;

- Sensitize local population (Youth, HIV infected, Disabled...) on the need to organize income generating activities

Article 4 :

L'Association a pour objectifs :

- Faciliter le développement des chaînes de valeurs et l'intensification agricoles
- Renforcer les capacités des opérateurs agricoles ;
- Promouvoir l'entrepreneuriat rural et pilotage entrepreneurial en agri business
- Chercher et fournir aux partenaires les intrants agricoles en vue d'augmenter les rendements et productivité ainsi que accompagner les producteurs dans les activités post-récoltes ;
- Conduire les recherches agricoles et faire progresser la dissémination des résultats
- Appuyer les activités de développement communautaire et de la protection de l'environnement ;
- Sensibiliser les différentes couches de la population (jeunesse, infectés VIH/SIDA, handicapés...) sur la nécessité d'organiser des activités génératrices des revenus

**UMUTWEWAI: ABAGIZE
UMURYANGO**

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiramo n'abanyamuryango b'icyubahiro.

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abanyamuryango bawinjiyemo ni abantu babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemezwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiyemo ni abanyamuryango nyakuri. Bafite uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe ku birebana n'umuryango

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abatari abanyamuryango nyakuri bashyigikiye umuryango mu bitekerezo cyangwa mu bikorwa.

Abanyamuryango b'icyubahiro bagishwa inama mu Nteko Rusange ariko ntibashobora gutora.

CHAPTER II: THE MEMBERS

Article 5 :

The Association is composed of founder Members, Ordinary Members and honorary members.

The founder Members are those that have signed the present statute.

Ordinary members are those who would have accepted this present statute and accepted after a written application by the General Assembly.

The founder and ordinary members are referred to as effective members of the Organization of the association with equal rights and duties.

Honorary members are all physical and moral persons whom the General Assembly will give that title in recognition of their special and appreciable services rendered to the Association.

Honorary members attend the General Assembly but with no right to vote.

CHAPITRE II : DES MEMBRES

Article 5 :

L'Association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneurs.

Sont **membres fondateurs**, les signataires des présents Statuts.

Sont **membres adhérents** des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréés par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'Association. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'association.

Les membres d'honneur sont toutes les personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'Association.

Les membres d'honneur siègent au sein de l'Assemblée Générale sans droit de vote.

Ingingo ya 6:

Abanyamuryango nyakuri biyemeza kugira uruhare mu bikorwa by'umuryango batizigamyeye. Baza mu nama z'Inteko Rusange kandi bafite uburenganzira bwo gutora. Bagomba gutanga umusanzu wa buri mwaka ugenwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 7:

Amabwiriza yihariye agenga Umuryango niyo akena uko umuntu yemererwa kuba umunyamuryango.

Ingingo ya 8:

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, iyo asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

Uburyo umunyamuryango asezera n'impamvu zituma yirukanwa biteganywa mu Mabwiriza yihariye agenga Umuryango.

UMUTWE WA III: UMUTUNGO

Ingingo ya 9:

Umuryango ushobora gutira cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku ntego yawo.

Article 6 :

The effective members commit to unconditionally participate in the activities of the Association. They attend the general Assembly meetings with the right to vote. They are compelled to give annual contribution which is determined by the General Assembly.

Article 7 :

The Rules of Internal regulations determine the conditions of adhesion to the Association.

Article 8 :

Membership ceases death, by voluntary resignation, exclusion or the dissolution of Association.

The modalities of resignation and the criteria's of exclusion are determined in the Rules of Internal Order of the Association.

CHAPTER III: THE PATRIMONY

Article 9 :

The Association can borrow or possess movable and immovable assets necessary to achieve its objective.

Article 6 :

Les membres effectifs s'engagent inconditionnellement de participer aux activités de l'Association. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée Générale avec voix délibérative. Ils ont le devoir de verser une cotisation annuelle dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

Article 7 :

Le Règlement d'Ordre Intérieur de l'Association détermine les conditions d'adhésion à l'Association.

Article 8 :

La qualité de membre se perd par le décès, la démission volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'Association.

Les modalités de démission et les critères d'exclusion sont déterminés dans le Règlement d'ordre intérieur de l'Association.

CHAPITRE III : DU PATRIMOINE

Article 9 :

L'Association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de son objet.

Ingingo ya 10:

Umutungo w'Umuryango ugizwe n'imisanzu, ibikorwa by'Umuryango, impano, imfashanyo n'indago.

Ingingo ya 11:

Umutungo w'Umuryango ni uwawo bwite. Ugenera umutungo wawo ibikorwa byose bituma ugera ku ntego yawo.

Ingingo ya 12:

Igihe Umuryango usheshwe, Inteko Rusange ishira umuntu umwe cyangwa benshi bashinzwe kurangiza iryo seswa.

Iyo hamaze gukorwa ibarura ry'agaciro k'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'Umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego.

UMUTWE WA IV: INZEGO

Ingingo ya 13:

Inzego z'Umuryango ni izi:

- Inteko Rusange;
- Inama y'Ubuyobozi;
- Ubugenzuzi bw'imari.

Article 10 :

The patrimony of the Association is comprised of the contributions of the members, products of the works of the Association, donations, legacies and varied subventions.

Article 11 :

The assets of the Association are its exclusive property. It allocates its resources to anything that can lead to direct or indirect realization of its goal.

Article 12 :

In case of dissolution of the Association, the General Assembly designates one or many curators to proceed the liquidation.

After the realization of the value of the movable and immovable assets of the Association and paying the debts, the active assets will be given to another Association with similar objectives.

CHAPTER IV: THE ORGANS

Article 13 : The organs of the association are:

- The general Assembly;
- Board of Directors;
- Auditorship

Article 10 :

Le patrimoine de l'Association est constitué des cotisations des membres, les produits des travaux de l'Association, dons, legs et subventions diverses.

Article 11 :

Les biens de l'Association sont sa propriété exclusive. Elle affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation des objectifs de l'Association.

Article 12 :

En cas de dissolution de l'Association, l'Assemblée Générale désigne un ou plusieurs curateurs chargés de procéder à la liquidation. Après la réalisation de la valeur des biens meubles et immeubles de l'Association et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre association poursuivant les objectifs similaires.

CHAPITRE IV : DES ORGANES

Article 13 : Les organes de l'Association sont :

- L'Assemblée Générale ;
- Le Conseil d'Administration ;
- Le Commissariat aux comptes.

Ingingo ya 14:

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'Umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bese.

Igice cya mbere: Inteko Rusange

Ingingo ya 15:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:

- Kwemeza no kuvugurura amategeko n'amabwiriza ngengamikorere by'Umuryango;
- Gushyiraho no kuvanaho abagize Komite Nyobozi;
- Kugena gahunda y'ibikorwa by'Umuryango;
- Kwakira, guhagarika no kwirukana Umunyamuryango;
- Kwemeza imicungire ya buri mwaka y'imari y'Umuryango;
- Kwemera impano n'indagano;
- Gusesa umuryango.

Ingingo ya 16:

